



Gashyantare 2022

Ikinyarwanda

**Maze abohereza imbere ye babiri
babiri, mu migi yose n’ahandi
hose yajyaga kunyura.** (Lk 10,1)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

**Kuba hamwe – Ni iki cyabiruta!
Together – what could be better?!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Buri muni yagombaga kugenda n’amaguru. Mbere y’imyaka 2000 ishize ntawashoboraga gutekereza ibyo kugenda n’imodoka. Yezu w’i Nazareti ntiyari gushobora kumara igihe kinini ku isi. Ni bwo rero atekereje uburyo yagera ku bantu benshi yari afite ku mutima. Ntibyashobokaga ko agera mu nsinsi zose. Ni uko ku bw’Ingabire ye ahabwa no kuba Imana, yunguka igitekerezo.

We ukumoka mu rukundo rw’Imana, yahisemo kuba iteka aho abantu bari bahujwe n’urwo rukundo. Ni uko asezeranya inshuti ze kubana na zo iteka, igihe zizaba zitaranye mu izina rye ry’urukundo. (Mt 18,20) Hakenewe nibura abantu babiri kugira ngo hagati yabo haboneke umwanya Yezu ajoye. Ibi intumwa zabyumvise neza Yezu amaze kuzuka. Ni uko mu rumuri rw’Izuka basobanukirwa impamvu Yezu yabohereze ari babiri babiri mu nsinsi bajyagamo. N’ubwo batamuboneshaga amaso, yabaga ahari wese mu Bumuntu bwe n’Ubumana bwe.

Waba wumva ushaka kumenya ikintu gitanga umunezero uhamye? Ngaho shaka inshuti imwe cyangwa ebyiri muhujye icyo cyifuzo mu mutima. Mugerageze gukingurirana imitima umwe ku wundi, mufashanye bivuye ku mutima, mu bintu bitandukanye bijya bibagora munyuramo mu buzima. Muhure kenshi kandi buri wese ategere amatwi mugenzi we neza. Nta kabuza Yezu azaza abasange, abahe urumuri n’ibyishimo mukeneye mu buzima murimo kunyuramo kuri ubu. Hari umuntu waba utekereza wifuza ko mwakorana uru rugendo?

Hano Tomáš aradusangiza ubuzima. Nyuma ya Noheli nagiyeye gusura inshuti zanjye kugira ngo marane nabo iminsi. Twari dufite umwanya uhagije wo kuba hamwe no gusangira. Twaje gutembera dukora urugendo rururere n’amaguru, tugenda dutegura umwaka wa go4peace ni uko nimugoroba tuza kwicara ku gicaniro twota. Roho yanjye yari yuzuye ibyishimo. Umucyo n’amahoro byari binyuzuye umutima. Ubwo nari nicaye muri Bisi nerekeza mu gihugu cya Repubulika ya Tcheke, nasobanukiye neza ko Yezu yari kumwe natwe igihe cyose. Numvise nshaka gukurikira Yezu. Niyemeje gukomeza uyu mubano mwiza hamwe n’inshuti. N’ubwo bwose twari twatandukanye twarahamagananaga kenshi kuri Telefoni tugasangira ibyishimo twaterwaga n’uko iteka Yezu yabaga ari hagati yacu. Kuva ubwo intego yanjye yabaye **Kuba hamwe – Ni iki cyabiruta?! – Together, what could be better?!**

Ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker